# Nyiramubande

## Amashuri y'inshuke



NDAHAYO Ferdinand na
UWERA Perpetue

Perdua Publishers

# Nyiramubande

## Amashuri y'inshuke




Cyanditswe na:
NDAHAYO Ferdinand na
UWERA Perpetue

Cyashushanyijwe na:
IRADUKUNDA Sebastien

Perdua Publishers

PO Box 3405 Kigali

Email: info@perduap.com

Website: www.perduap.com

© Perdua Publishers 2021

Cyatangajwe bwa mbere mu mwaka wa 2021

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.



Umunsi umwe Macibiri yavuye ku ishuri.



Ari mu nzira atangira kuririmba.





Aririmba agira ati: "Mwarimu wange ndamukunda cyane. Anyigisha dukina nkishima."



Yumva abandi bana atazi na bo bararirimbye.



Arongera araririmba ati: “Mwarimu wange ndamukunda cyane anyigisha dukina nkishima.” Yumva ba bana na bo basubiyemo iyo ndirimbo.




Macibiri arishima ati: “Nimuze turirimbane.”
Na bo basubiramo: “Nimuze turirimbane.”
Macibiri areba hirya areba hino abura abo bana, biramuyobera.



Macibiri yigira inama yo kubaza nyina impamvu aririmba abana bagasubiramo ariko ntababone.



Macibiri ageze mu rugo, atekerereza nyina ibyamubayeho, ati: “Nageze ku musozi ndirimbye numva abana basubiyemo indirimbo. Mbahamagaye ngo baze turirimbane ndababura. None se Mama, abo bana ni ba nde? Bari bari he?”



Nyina wa Macibiri abyumvise aratangara ati: “Yooo! Ibyo byitwa Nyiramubande. Nta bandi bana bari bahari.”



Nyina amwereka indorerwamo, aramubaza ati:
“Bariya ni bande ureba mu ndorerwamo?”
Macibiri aramusubiza ati: “Ni ngewe nawe.”





Nyina akomeza amusobanurira ati: “Macibiri, uko wibonye mu ndorerwamo, ni na ko wumvaga ya majwi yaririmbaga nkawe, igihe waririmbaga. Ijwi ryawe ryagongaga umusozi rikakugarukaho.




Macibiri ati: “Mama noneho ndabimenye. Nyiramubande ni ijwi ryange ryagendaga ryahura n’umusozi uri imbere yange ukaritangira rikagaruka.”

*Inkuru za Perdua Publishers zigenewe gukundisha abana gusoma Ikinyarwanda. Bashobora kuzisomera cyangwa se kuzisomerwa n'ababyeyi n'abarezi igihe bataramenya gusoma ubwabo.*







**Perdua Publishers**

Cyatunganijwe kinacapwa na Perdua Publishers
P.O. Box 3405 Kigali, Rwanda